# 100: Abahoze mu mwijima Babony' umucyo w'ukuri

1.
Abahoze mu mwijima Babony' umucyo w'ukuri.
Haleluya, haleluya,
umwana yatuvukiye, Uwo Mwana w'umuhungu.
Haleluya (x5).

2.
Kand' azitw' Igitangaza, Azitwa n'Umujyanama.
Haleluya, haleluya,
Azitw' Iman'ikomeye, Yitw' Umwami w'amahoro.
Haleluya (x5).

3.
Izina rizwi ni Yesu Risobanur' Umukiza.
Haleluya, haleluya,
Azitwa n'lmanucli, Yukw Iman' iri muri twe.
Haleluya (x5).

4.
Icyubahiro mw ijuru Kib' icy' Iman' ihoraho.
Haleluya, haleluya.
No mw isi hab'amahoro, Abe mubo yishimira.
Haleluya (x5).

5.
Kand' abemey' uwo Mwana Ba kizera n'izina rye,
Haleluya, haleluya.
Bahaw'ubushobozi pe, bwo kub' abana b'Imana.
Haleluya (x5).

Visit us at indirimbo.com